



Ukwakira 2023

ikinyarwanda

Ntuhweme gutanga!

Mujye mutanga namwe muzahabwa

(Lk 6,38)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

mu kanya nk'ako guhumbya wibonye uri hano ku isi, wavutse mu buzima, ntacyo wambaye, uri aho gusa ntacyo wishoboreye. Iruhande rwawe hari abantu bagukikije bagufitiye igishyika. Bakwitayeho, ababyaza, abaganga, nyoko, So, umuryango wawe ... Barakwitangiye utabizi. Kubera bo washoboye kwinjira mu buzima, intambwe ku ntambwe. Igihe kimwe watangiye kuvuga, utangira kwita amazina ibintu bitandukanya bigukikije, wamenye kuvuga „Mama“ na „Papa“. Igihe cyarageze kandi umenya kuvuga „Njyewe“. Watangiye kumenya ko uri umuntu ushobora kugira icyo ukora ndetse ushobora kugira icyo uha undi muntu mugenzi wawe. Watangiye gushushanya utuntu dutandukanye ukaduha abantu ukishimira inseko iturutse k'ukuba ugize icyo utanze. Watanze impano ndetse nawe urazihabwa, waratanze nawe urahabwa! (reba. Lk 6,38) Wamenye ko ari byiza kugirana umubano n'abandi kuko ni cyo twe abantu twaremewe. Muri „njyewe“ n'icyo mpaye „wowe“ havutsemo „twebwe“ yuje ubuzima.

Umunsi umwe nagiyeye gusangira ikawa hamwe n'umuryango umwe w'abashakanye. Twakiriye n'umukobwa ukiri muto. Wabonaga akiri mushya aho, byagaragara ko yari yifitemo kwitinya. Yari yatwawe n'ubusabane twari dufitanye ku meza twari turiho, akajya ahinyuza kenshi atubaza niba nta kindi twifuza. Igihe cyose nageragezaga kumwisanzuraho ndetse nkanunyazamo nkamusetse. Kuko twanywaga kapucino ndetse n'umutobe wa Rababa, njye naryohewe cyane n'umutobe, narashyenze mbabwira ko nshaka gushinga ishira hamwe rya Rababa. Uwo mwana w'umukobwa twamubajije niba yagira ubushake ko kuba umunyamuryango. Yaramwenyuye. Mbere y'uko dutaha namuhaye Kalendari yacu twise „Amagambo – nk'inyenyeri mu gihe cy'umwijima“. Yayakiriye yishimye cyane. Ubwo twatahaga, yadusezeyeho atubwira ati: „Mwakoze ku bw'umutima mwiza! Murebe namwe!“ Ubwo yadutungiraga agatoki atwereka ku rukuta rwari iruhande rw'umuryango winjira. Hari hamanitse ya Kalendari – nk'inyenyeri mu gihe cy'umwijima. – **Ntuhweme gutanga! - Don't stop giving!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker